



UMUJYI WA KIGALI

AKARERE KA GASABO

WEBSITE : www.gasabo.gov.rw

E-mail : info@gasabo.gov.rw

B.P. 7066 KIGALI

ITANGAZO

ABAREZI BIFUZA GUHINDURA AHO BAKORERA

Ubuyobozi bw'Akarere ka Gasabo buramenyeshya abarezi bose bifuza guhindura aho bakoreraga (Transfers) imbere mu Karere n'abifuza kuza gukorera mu Karere ka Gasabo bavuye mu tundi Turere ko itariki yo kwakira dosiye zabo ari guhera kuwa 02/07/2020 kuzageza kuwa 10/07/2020: Ibyangombwa bisabwa binyuzwa kuri email: info@gasabo.gov.rw y'Akarere.

Ibyangombwa bisabwa ni ibi bikurikira:

Ku bifuza kwimukira mu Karere ka Gasabo bavuye mu tundi Turere:

- ❖ Ibaruwa isaba yandikiwe Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere;
- ❖ icyemezo kigaragaza ko yagize amanota y'isuzumabushobozi ari hejuru ya 70%;
- ❖ icyemezo kigaragaza ko afite imyitwarire myiza gitangwa n'umurenge hamaze kugishwa inama Ubuyobozi bw'ikigo cy'ishuri umwarimu yigishamo;
- ❖ icyemezo cy'Umuyobozi w'Akarere kigaragaza ko aho asaba kwimurirwa hari umwanya;
- ❖ icyemezo gitangwa n'umuyobozi w'ishuri yigishamo kigaragaza ko aho yigisha nta cyuho kizahasigara mu gihe yaba yimuwe;
- ❖ Fotokopi y'ibaruwa y'akazi ya burundu;
- ❖ Fotokopi y'impamyabumenyi igaragaza ko yize Uburezi;
- ❖ Fotokopi y'indangamuntu.

Ku barezi bifuza kwimurwa imbere mu Karere ka Gasabo:

- ❖ Ibaruwa isaba yandikiwe Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere;
- ❖ icyemezo kigaragaza ko ufite imyitwarire myiza gitangwa n'umurenge hamaze kugishwa inama Ubuyobozi bw'ikigo cy'ishuri umwarimu yigishamo;
- ❖ icyemezo gitangwa n'umuyobozi w'ishuri yigishamo kigaragaza ko aho yigisha nta cyuho kizahasigara mu gihe azaba yimuwe;
- ❖ Fotokopi y'ibaruwa y'akazi ya burundu.

Ku bifuza kuva mu Karere ka Gasabo bajya gukorera mu tundi Turere: Ibyangombwa bakeneye kugira ngo bajye kubitanga aho bifuza kwimurirwa bazatangira kubihabwa nabo guhera ku ma tariki yavuzwe haruguru.

Bikorewe Gasabo kuwa 30/06/2020

UMWALI Pauline

Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere ka Gasabo

